**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA NYAMASHEKE**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamasheke buramenyesha abantu bose bujuje ibisabwa ko hari imyanya mirongo itatu (30) y'akazi y'umukozi ukorera ku masezerano y'igihe kizwi ku mwanya wa Coffee Proximity Extension Technical Assistant (TAs) mu mushinga wa "Promoting Smallholder Agro-expert Competitiveness (PSAC) Project." ugamije gusimbuza no kuvugurura ibiti bya kawa bishaje ushyirwa mu bikorwa ku bufatanye bw'Akarere ka Nyamasheke n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iyoherezwa mu mahanga y'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB).

Abifuza gusaba aka kazi bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari Umunyarwanda/ Umunyarwanda kazi
2. Kuba nibura afite impamyabumenyi ya A2 mu buhinzi cyangwa ibijyanye n'ibinyabuzima cyangwa ubumenyi bw'isi (relevant biological or geographical science studies) akaba yarahuguwe ku buhinzi bwa kawa
3. Kuba afite ubumenyi bwimbitse mu buhinzi bwa kawa
4. Kuba afite uburambe byibura bw'imyaka ibiri akorana n'abaturage mu iyamamaza buhinzi
5. Kuba amenyereye gukorana n'abahinzi byaba ari akarusho
6. Kuba afite ubumenyi ku ntungagihingwa kawa ikenera ndetse n'indi mirimo yose ikorerwa kawa iri mu murima kugira ngo itange umusaruro
7. Kwemera kuba mu murenge azaba akoramo mu rwego rwo gukorana igihe kinini n'abahinzi ba kawa mu mirima yabo
8. Kuba azi kwandika no kuvuga neza icyongereza n'ikinyarwanda
9. Kuba ari urubyiruko cyangwa umugore byaba ari akarusho

Dosiye zisaba akazi zujuje ibisabwa kuri uyu mwanya zigizwe n'ibi bikurikira:

I. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Umuyobozi w'Akarere
II. Umwirondoro w'usaba akazi (C.V)
III. Impamyabumenyi
IV. Icyemezo cy'umukoresha wa nyuma cyangwa icyemezo kigaragaza uburambe
V. Icyemezo kigaragaza ko yahuguwe ku buhinzi bwa kawa ku bize ibijyanye n'ibinyabuzima cyangwa ubumenyi bw'isi (relevant biological or geographical science studies)

Zizakirwa mu Bunyamabanga Rusange bw'Akarere ka Nyamasheke mu masaha y'akazi kuva ku wa 09/04/2025 kugeza ku wa 17/04/2025 saa kumi n'imwe z'umugoroba.

Bikorewe i Nyamasheke, ku wa 09/04/2025

**MUPENZI Narcisse**
Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke

*Toll Free : 4138Website : www.nyamasheke.gov.rwEmail : info@nyamasheke.gov.rw @Nyamasheke*
*nyamasheke.district nyamashekedistrict : 0788310301 / 0788310275 Po.Box : 72 Nyamasheke*